October 8, 2020
DR-4557-IA NR017
HSEMD: HSEMDpio@iowa.gov
FEMA News Desk: (816) 283-7095

Itangazo

Italiki ntarengwa yo kwiyandikisha yongereweho iminsi 14 ku barokotse muri Iowa.

DES MOINES, Iowa - Abarokotse derecho bo muri Iowa ku italiki ya 10 z'ukwezi k'umunani babahaye italiki nntarengwa yo gusaba imfashanyo ya Federal. Bayishyize kuwa mbere taliki ya 2 z'ukwezi kwa cumi na kumwe.

FEMA ibinyujije muri program y'ubufasha bw'umuntu ku giti cye yamaze kwemeza amadorari arenga miliyoni 8.5 yo gufasha imilyango 2,278. The Small Business Administration yemeye amadorari arenga miriyoni 14 y'inguzanyo z'ibiza ku bafite amazu, abakodesha, n'abafite ibikorwa bicirirtse.

Ubufasha butangwa na FEMA ku bantu bafite inzu bushobora kuba bukubiyemo imfashanyo yo gusana kugirango inzu ishobore guturwamo. Ubufasha bwo kuriba igihe gito ahandi hantu ho kuba ku bafite amazu cg bakodesha burimo gutangwa. Ababaye muli hotel igihe gito bashobora gusubiswa amafaranga batanze.

Icyambere, niba utarabikora, vugana n'isosiyete yawe yubwishingizi hanyuma utange ikirego cyibyangijwe n'ibizazane wagize. Singombwa gutegereza FEMA kugirango utangire gukora isuku ariko birakenewe ko ufata amafoto cyangwa video z'ibyangiritse no kubika inyemezabwishyu z'ibintu byose waguze byo gusana.

Niba hari ibintu watakaje bitari mu bwishingizi, vugana na FEMA kuri uyu murongo DisasterAssistance.gov cyangwa ubahamagare kuri 800-621-3362.

Ibyangombwa bikenewe kugirango wiyandikishe:

- Aderesi y'ahari ibintu byangiritse
- Sobanura icyatumye ibintu byawe byangirika
- Adresi ufite ubungubu.
- Nimero yawe ya telephone.
- Nimero y'ubwiteganyirize bw'abakozi y'umuntu we mubana mu nzu.
- Nimero y'ubwishingizi mufite.
- Vuga amafaranga abo mubana binjiza ku mwaka.
- Ibisobanuro bya banki yawe kugirang bazashyireho amahera.
- Bika neza nimero wiyandikishijeho muri FEMa, izwi nka ID.
- Jya kuri DisasterAssistance.gov urebe ni hari udushya.

Ibi ni ibireba abaturage ba Iowa bo mu ntara ya Benton, Boone, Cedar, Clinton, Jasper, Linn, Marshall, Polk, Poweshiek, Scott, Story na Tama.

The U.S. Small Business Administration (SAB) itanga inguzanyo ya governema zifite inyungu ntoya ku bafite ibikorwa uko byaba bingana kose, ku bikorera ku giti cyabo, abafite inzu cyangwa abakodesha. Ohereza imapuro kuri https://disasterloanassistance.sba.gov. Abantu bashobora no guhamagara 800-659-2955 cyangwa ohereza emeri kuri FOCWAssistance@sba.gov. Abapfuye amatwi cyangwa batumva neza bakoresha TTY bashobobara guhamagara 800-877-8339.

###

Ibindi bisobanuro bijyanye n'ibiza bya Iowa nandi mukuru atandukanye, injira hano www.disasterrecovery.iowa.gov.

Inshingano ya FEMA ni ugufasha abantu mbere, mugihe, na nyuma yibiza.

Imfashanyo irahari utitaye ku bwoko, ibara, idini, ubwenegihugu, igitsina, imyaka, ubumuga, kumenya icyongereza cyangwa ututunzi. Niba wowe cyangwa umuntu uzi ko yarenganijwe, cyangwa akeneye akeneye ubufasha aho ari, hamagara FEMA kuri 800-621-3362. Indimi zitandukanye zirahari.

Inshingano ya HSEMD: Kuyobora, guhuza no gushyigikira ibikorwa by'umutekano mu gihugu ndetse n'ibikorwa byo gutabara byihutirwa hagamijwe ibyiza bya rusange no guteza imbere ubukungu bwa Iowa n'abayituye.

The U.S. Small Business Administration (SBA) itanga imfashanyo ya governema ku bubatsi bafita amazu yasenywe n'ibiza. SBA ifasha abafite ibikorwa bini cyangwa bitoya, abikorera ku giti cyabo, abafite inzu cyangwa bakodesha, n'abasana kugirango basimbure ibyangiritse.

Ukeneye ibisobanuro birambuye wajya kuri SBA's Disaster Assistance Customer Service 800-659-2955. TTY 800-877-8339. Ushobora no kwohereza imeri kuri disastercustomerservice@sba.gov cyangwa ukajya kuri SBA at SBA.gov/disaster